Ntitwajyaga twita ku mavangingo yenda kuba umukara n'ayenda kuba umuhondo aza nyuma yo kuva mu mihango

Hadith yaturutse kwa Umu Atwiyat (Imana imwishimire) yaravuze, akaba yari umwe mu bagore bahaye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igihango cyo kuyikurikira no kuyumvira yaravuze ati: "Ntitwajyaga twita ku mavangingo yenda kuba umukara n'ayenda kuba umuhondo aza nyuma yo kuva mu mihango.

[Hadithi y'impamo] [رواه أبو داود بهذا اللفظ ورواه البخاري بدون زيادة (بعد الطهر)]

Umusangirangendokazi w'Intumwa y'Imana Umu Atwiyat (Imana imwishimire) yavuze ko abagore bo ku gihe cy'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) batajyaga bita ku mavangingo ava mu gitsina cyabo afite ibara ry'umukara cyangwa se iryenda kuba umuhondo, nyuma y'uko bavuye mu mihango; ntibyababuzaga gusali no gusiba.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/10014